# IJAMBO RY'IMANA RYO KU CYUMWERU

## Umwigisha: Pastor Elia

## Ingingo: Kwizera kujyanye n'ibikorwa

### 1. Iriburiro

Mwaramutse neza, dukomeje kwiga ku kwizera nk'inkingi y'ubuzima bw'umukristo. Turishingira ku Ibyanditswe byera muri Abaheburayo 11:1 hagira hati: "Kwizera ni ukwizera ibintu wizeye, ni uguhamya ibintu utareba." Kwizera ni urufunguzo rudufungurira amasezerano y'Imana. Ariko kwizera kutagira ibikorwa ni ukwizera gupfuye.

### 2. Kwizera kujyana n'ibikorwa

Twabonye ko ukwizera nyako gutera umuntu gukora ibihuye n'ibyo Imana yamubwiye. Aburahamu yumvise ijwi ry'Imana, agenda atazi iyo ajya, arumvira, kandi biramugirira umumaro. Nowa na we yumvise ijwi ry'Imana, atangira kubaka ubwato n'ubwo imvura itari bwagwe, ariko byaje kurangira byuzuye nk'uko byari byavuzwe.

### 3. Kwizera n'amasezerano

Kwizera ntikubaho udafite ibyo wizeye. Imana iha abantu amasezerano, ariko uko bayageraho bishingira ku kwizera kwabo no kubishyira mu bikorwa. Kwizera bigendana no gutangira gukora mbere y'uko ibintu bigaragara mu maso yawe.

### 4. Kwizera n'ibyiringiro

Kwizera gufite aho gushingiye: ku byiringiro by'ibyo Imana yavuze. Iyo Imana ivuze, ntabwo ari amagambo y'ubusa. Kwizera ni ugufata iyo mvugo ukayibamo nubwo amaso yawe ntacyo abona.

### 5. Ingero zifatika zahawe n'Umwigisha

Pastor Elia yatanze urugero aho Imana yamubwiye ko izamuha inzu. Yatangiriye ku kwizera ubwo butumwa, atangira kurunda imisumari, kujya gusura ibibanza n'ubwo nta mafaranga yari afite. Ibyo yakoze ni ibikorwa bifatika bigendanye n'amagambo yumvise.

### 6. Urugero rw'inka n'ikiraro

Hari umuntu Imana ibwiye ko izamuha inka. Nta bwo ategereza kubona inka ngo atangire gutekereza icyo azazikorera. Ahubwo atangira kubaka ikiraro, gutera ubwatsi, ndetse akitabira no guha abafite inka ibyo kurisha. Ibyo bikorwa birerekana ukwizera kudategereje ibimenyetso bifatika.

### 7. Urugero rw'abasenga basaba umugore, umugabo cyangwa umwana

Iyo Imana iguhaye isezerano ry'uko uzabona umugore, umugabo, cyangwa umwana, ukwizera kwawe kugomba gutangira kugaragara mu myitwarire ya buri munsi. Ukeneye umugore, tangira kwitoza kumukunda no kumwubaha. Ukeneye umugabo, tangira kwiga kwitwara nk'umugore w'umunyabwenge. Ukeneye umwana, tangira kwiga kwita ku bana, gusenga no kwitegura indangagaciro z'ababyeyi b'abizerwa.

### 8. Inshingano yacu: Kugendera mu kwizera

Satani ahora azanira abantu gushidikanya. Atera indwara y'ubwigomeke bwo kutizera. Ariko twize ko Yesu ari we muganga ushobora kuvura iyo ndwara. Ushaka ko twizera, tukamwumvira, kandi tugashyira mu bikorwa ibyo yavuze. Kwizera nyako ntigutegereza ibimenyetso, ahubwo gutangira gukora ku byo wumvise bivuye ku Mana.

### 9. Umusozo

Uyu munsi Imana iratwibutsa ko kwizera nyako kujyana n'ibikorwa. Ntukizere gusa mu mutima, shyira mu bikorwa ibyo Imana yakubwiye. Ibuka ko kwizera kudafite imirimo kuba gupfuye. Tangira gukora nk'ufite ibyo wahawe. Tangira kwitegura nubwo utarabibona. Kuko Imana iyo ivuze, isohora ibyo yavuze mu gihe cyayo.